



REPUBLIKA Y'U RWANDA  
KOMISIYO Y'IGHUGU Y'AMATORA

---



**AMABWIRIZA N° 05/2015 YO KU WA 29/12/2015 YA  
KOMISIYO Y'IGHUGU Y'AMATORA**  
**AGENGA**

**AMATORA Y'ABAYOBOZI B'INZEZO Z'IBANZE  
YO MURI GASHYANTARE-WERURWE 2016**

**Ukuboza 2015**

## **AMASHAKIRO**

<b>INTERURO YA MBERE : INGINGO RUSANGE.....</b>	<b>7</b>
Ingingo ya mbere: Icyo aya Mabwiriza agamije .....	7
Ingingo ya 2: Amatora y'Abayobozi b'Inzego z'Ibanze .....	7
Ingingo ya 3: Igihe amatora atangirira, igihe arangirira n'igihe asubikwa .....	7
Ingingo ya 4: Igihe abayobora amatora bagomba kugerera aho amatora abera.....	7
Ingingo ya 5: Indahiro y'abayobora amatora .....	7
Ingingo ya 6: Imyitwarire igomba kuranga abayobora amatora.....	7
Ingingo ya 7: Inyandikomvugo zikoreshwa mu matora.....	7
Ingingo ya 8: Abatemerewe gutora.....	8
Ingingo ya 9: Abatemerewe gutorwa .....	9
Ingingo ya 10: Iyubahirizwa ry'ihamre ry'uburinganire.....	9
Ingingo ya 12: Igihe hatabonetse umukandida wiyamamaza mu matora .....	10
Ingingo ya 13: Uburenganzira bwo kwiyamamaza.....	10
Ingingo ya 14: Ibibujije abiyamariza ubuyobozi ku rwego rw'Ibanze .....	10
Ingingo ya 15: Ibihano bihabwa umukandida wiyamamaje mu buryo bunyuranyije n'amategeko .....	10
Ingingo ya 16: Uburyo amatora akorwa hagati y'abakandida banganyije amajwi .....	10
Ingingo ya 17: Kubarura amajwi.....	11
Ingingo ya 18: Gutsinda amatora ku mukandida umwe .....	11
Ingingo ya 19: Uburyo bwo gukemura impaka .....	11
Ingingo ya 20: Abanyamahanga bemerewe gutora .....	11
<b>INTERURO YA 2. AMATORA Y'ABAYOBOZI B'INZEZO Z'IBANZE.....</b>	<b>11</b>
UMUTWE WA MBERE: AMATORA Y'ABAYOBOZI KU UMUDUGUDU, AKAGARI N'UMURENGE .....	11
ICYICIRO CYA MBERE: AMATORA Y'ABAYOBOZI KU RWEGO RW'UMUDUGUDU.....	11
<b>Akiciro ka mbere: IMYANYA ITORERWA N'UKO IKURIKIRANA MU MATORA .....</b>	<b>11</b>
Ingingo ya 21: Imyanya itorerwa ku rwego rw'Umudugudu .....	11
Ingingo ya 22: Uburyo imyanya itorerwa ku rwego rw'Umudugudu ikurikirana .....	12
<b>Akiciro ka 2: GUTANGA KANDIDATIRE NO KWIYAMAMAZA .....</b>	<b>12</b>
Ingingo ya 23: Uburyo bwo gutanga kandidatire no kwiyamamaza .....	12
Ingingo ya 24: Uwamamajwe udashaka gutorwa .....	12
Ingingo ya 25: Kunenga umukandida .....	12
<b>Akiciro ka 3: IMIGENDEKERE Y'AMATORA .....</b>	<b>13</b>
Ingingo ya 26: Lisiti y'amatora n'ikarita y'amatora .....	13
Ingingo ya 27: Umubare wa ngombwa kugira ngo amatora atangire .....	13
Ingingo ya 28: Uburyo amatora akorwa.....	13
Ingingo ya 29: Umukandida uba yatsinze amatora .....	13
ICYICIRO CYA II: AMATORA Y'ABAYOBOZI KU RWEGO RW'AKAGARI.....	14
<b>Akiciro ka mbere: IMYANYA ITORERWA N'UBURYO IKURIKIRANA .....</b>	<b>14</b>
Ingingo ya 30: Imyanya itorerwa ku rwego rw'Akagari n'uburyo ikurikirana .....	14
<b>Akiciro ka 2: KWIYAMAMARIZA KUBA MU NAMA NJYANAMA Y'AKAGARI .....</b>	<b>14</b>
Ingingo ya 31: Uburyo bwo kwiyamamaza .....	14
<b>Akiciro ka 3: IMIGENDEKERE Y'AMATORA .....</b>	<b>15</b>
Ingingo ya 32: Amatora y'abajya mu Nama Njyanama y'Akagari baturuka mu Midugudu .....	15
Ingingo ya 33: Amatora y'ibyiciro byihariye.....	15

Ingingo ya 34: Amatora y'Abajyanama b'Abagore bangana nibura na 30% y'abagomba kugira Inama Njyanama y'Akagari .....	16
Ingingo ya 35: Amatora y'Umujuyanama rusange uhagararira Akagari muri Njyanama y'Umurenge .....	16
Ingingo ya 36: Amatora y'abakandida b'Abagore bazatorwamo nibura 30% by'abagomba kugira Inama Njyanama y'Umurenge .....	17
Ingingo ya 37: Amatora y'Abagize Biro y'Inama Njyanama y'Akagari.....	17
<b>ICYICIRO CYA III: AMATORA Y'ABAGIZE INAMA NJYANAMA Y'UMURENGE .....</b>	18
<b>Akiciro ka mbere: IMYANYA ITORERWA N'UBURYO IKURIKIRANA .....</b>	18
Ingingo ya 38: Imyanya itorerwa ku rwego rw'Umurenge.....	18
Ingingo ya 39: Uburyo imyanya itorerwa ikurikirana .....	18
Ingingo ya 40: Abajyanama bahagararira inzego zihariye mu Nama Njyanama y'Umurenge .....	18
Ingingo ya 41: Uwiyamariza umwanya mu nzego ziyyoborwa n'abanyamahanga.....	19
<b>Akiciro ka 2: GUTANGA KANDIDATIRE N'IMIGENDEKERE Y'AMATORA .....</b>	20
Ingingo ya 42: Amatora ya Biro y'Inama Njyanama y'Umurenge .....	20
Ingingo ya 43: Amatora y'abahagarariye Inzego zihariye ku Murenge .....	20
Ingingo ya 44: Amatora ya 30% by'abagore mu Nama Njyanama y'Umurenge .....	20
Ingingo ya 45: Gutandukanya abakandida bitiranwa amazina .....	21
<b>UMUTWE WA II: AMATORA Y'ABAYOBOZI KU RWEGO RW'AKARERE N'UMUJYI WA KIGALI. ....</b>	21
<b>ICYICIRO CYA MBERE : IMYANYA ITORERWA N'UBURYO IKURIKIRANA .....</b>	21
<b>Akiciro ka mbere: Imyanya itorerwa ku rwego rw'Akarere n'urw'Umuji wa Kigali.....</b>	21
Ingingo ya 46: Inzego z'ubuyobozi zitorerwa ku Karere.....	21
Ingingo ya 47: Uburyo imyanya itorerwa ikurikirana .....	21
Ingingo ya 48: Inzego z'ubuyobozi zitorerwa ku rwego rw'Umuji wa Kigali .....	22
Ingingo ya 49: Uburyo imyanya itorerwa ikurikirana .....	22
<b>ICYICIRO CYA II: AMATORA KU RWEGO RW'AKARERE N'UMUJYI WA KIGALI .....</b>	22
<b>Akiciro ka mbere: Amatora ku rwego rw'Akarere .....</b>	22
Ingingo ya 50: Itangwa rya kandidatire ku bifuza kujya mu Nama Njyanama y'Akarere .....	22
<b>Ingingo ya 51: Urwego rushyikirizwa kandidatire n'icyemezo gihabwa uyitanze .....</b>	22
<b>Ingingo ya 52: Ibigomba kugaragara muri dosiye z'abakandida .....</b>	23
Ingingo ya 53: Iyemezwra rya kandidatire.....	23
Ingingo ya 54: Ihagarikwa ry'akazi ku bakandida bari mu buyobozi bw'Inzego z'Ibanze.....	23
Ingingo ya 55: Abakandida bemerewe kwiyamamaza .....	23
Ingingo ya 56: Imenyekanisha rya gahunda yo kwiyamamaza .....	23
Ingingo ya 57: Igihe n'amasaha yo kwiyamamaza .....	24
Ingingo ya 58: Ikoreshwa ry'amafoto, ikoranabuhanga n'inyandiko. ....	24
Ingingo ya 59: Kwiyamamaza hakoreshejwe ikoranabuhanga. ....	24
Ingingo ya 60: Kumenyesha kouwiyamamaza azakoresha ikoranabuhanga .....	24
Ingingo ya 61: Iyemezwra ry'ubutumwa, amafoto n'ibindi byifashishwa mu kwiyamamaza hakoreshejwe ikoranabunga. ....	24
Ingingo ya 62: Kwiemenyekanisha igihe wohereje ubutumwa bwamamaza .....	25
Ingingo ya 63: Ibibujije mu kwiyamamaza hakoreshejwe ikoranabuhanga.....	25
Ingingo 64: Uryozwa ibyaha bikorwa mu kwiyamamaza hakoreshejwe ikoranabuhanga.....	25
Ingingo ya 65: Gukurikirana ibikorwa byo kwiyamamaza hakoreshejwe ikoranabuhanga .....	25
Ingingo ya 66: Guhagararirwa k'umukandida mu cyumba cy'amatora .....	25
Ingingo ya 67: Gutangira no gusoza itora ry'Umujuyanama rusange n'iry'umukandida w'umugore.....	25
Ingingo ya 68: Itangwa ry'impapuro z'amatora .....	26
<b>Ingingo ya 69: Uburyo bwo gutora.....</b>	26

Ingingo ya 70: Ibara ry'urupapuro rw'amatora .....	26
Ingingo ya 71: Uko abakandida bakurikirana ku rupapuro rw'amatora .....	26
Ingingo ya 72: Uburyo bwo kuzinga urupapuro rw'amatora .....	26
Ingingo ya 73: Ibibimenyetso bigaragaza uwatoye .....	26
Ingingo ya 74: Amatora y'abagore 30% by'abagize Inama Njyanama y'Akarere .....	27
Ingingo ya 75: Umubare wa ngombwa kugirango amatora atangire.....	27
Ingingo ya 76: Uburyo amatora akorwa.....	27
Ingingo ya 77: Amatora y'Uhagarariye ibyiciro byihariye mu Nama Njyanama y'Akarere .....	27
Ingingo ya 78: Gutandukanya abakandida bitiranywa amazina.....	28
Ingingo ya 79: Abakandida baba batsinze amatora .....	28
Ingingo ya 80: Itora y'Abagize Biro y'Inama Njyanama y'Akarere .....	28
Ingingo ya 81: Itora ry'abagize Komite Nyobozi y'Akarere .....	29
<b>Akiciro ka II: Amatora ku rwego rw'Umujiyi wa Kigali.....</b>	<b>29</b>
Ingingo ya 82: Itora ry'Abajyanama rusange b'Akarere boherezwa mu Nama Njyanama y'Umujiyi wa Kigali.....	29
Ingingo ya 83: Itora ry'Abajyanama b'abagore mu Nama Njyanama y'Umujiyi wa Kigali .....	30
Ingingo ya 84: Itora ry'Abajyanama b'ibyiciro byihariye bajya mu Nama Njyanama y'Umujiyi wa Kigali ..	30
Ingingo ya 85: Itora ry'abagize Komite Nyobozi y'Umujiyi wa Kigali .....	30
<b>Akiciro ka III: ISIMBURA MU TURERE RY'ABAJYANAMA BAGIYE MU NAMA NJYANAMA Y'UMUJYI WA KIGALI .....</b>	<b>31</b>
Ingingo ya 86: Isimburwa ry'abajyanama boherejwe mu Nama Njyanama y'Umujiyi wa Kigali .....	31
Ingingo ya 87: Isimburwa mu Turere ry'Abajyanama b'Abagore boherejwe n'Inama Njyanama y'Umujiyi wa Kigali .....	31
Ingingo ya 88: Ihagararirwa ry'umukandida mu cyumba cy'amatora.....	31
<b>INTERURO YA III : INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA.....</b>	<b>31</b>
Ingingo ya 89: Imenyekanisha ry'ibikorwa bishobora kubangamira amatora .....	31
Ingingo ya 90: Imenyekanisha ry'ibyaha bijyanye no kwica amatora .....	31
Ingingo ya 91: Imenyekanisha ry'umukandida wavanyemo kandidatire .....	31
Ingingo ya 92: Ibyerekeye indorerezi z'amatora .....	32
Ingingo ya 93: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranye n'aya Mabwiriza.....	32
Ingingo ya 94: Ishyirwa mu bikorwa ry'aya Mabwiriza .....	32
<b>IMIGEREKA KU MABWIRIZA N°05/2015 YA KOMISIYO Y'IGHUGU Y'AMATORA.....</b>	<b>33</b>
<b>UMUGEREKA WA 1: INYANDIKOMVUGO ISOZA AMATORA .....</b>	<b>34</b>
UMUGEREKA WA 2: INYANDIKOMVUGO ISUBIKA AMATORA CYANGWA YONGERA IGIHE CY' AMATORA MU CYUMBA CY'AMATORA CYANGWA KU BIRO BY'AMATORA .....	35
UMUGEREKA WA 3: INDAHIRO Y'ABAYOBORA IMIRIMO Y'AMATORA .....	36
UMUGEREKA WA 4: INYANDIKOMVUGO ISUBIKA IBARURA RY'AMAJWI MU CYUMBA CY'AMATORA CYANGWA MU BIRO BY'AMATORA .....	37
UMUGEREKA WA 5: INYANDIKOMVUGO ITANGIZA AMATORA KU RWEGO RW'UMUDUGUDU .....	38
UMUGEREKA WA 6: INYANDIKOMVUGO Y'IMIGENDEKERE Y'AMATORA KU MYANYA ITORERWA KU RWEGO RW'UMUDUGUDU .....	39
<b>UMUGEREKA WA 7: INYANDIKO KU ITANGIZA AMATORA KU RWEGO RW'AKAGARI .....</b>	<b>42</b>
UMUGEREKA WA 8: IMIGENDEKERE Y'AMATORA Y'ABAGORE BANGANA NIBURA NA 30% BY'ABAGOMBA KUJYA MU NAMA NJYANAMA Y'AKAGARI .....	43
UMUGEREKA WA 9: IMIGENDEKERE Y'AMATORA Y' ABAKANDIDA B'ABAGORE BAZAVAMO NIBURA 30% BY'ABAGORE BAZAHAGARARIRA AKAGARI MU NAMA NJYANAMA Y'UMURENGE.....	45

UMUGEREKA WA 10: IMIGENDEKERE Y'AMATORA KU MYANYA Y'ABAGIZE BIRO Y'INAMA NJYANAMA Y'AKAGARI N'AY'UHAGARARIYE AKAGARI MU NAMA NJYANAMA Y'UMURENGE .....	47
UMUGEREKA WA 11: INYANDIKO Y'IYAKIRA RYA KANDIDATIRE KU MWANYA W'UMUJYANAMA KU RWEGO RW'AKARERE/UMUJYI WA KIGALI.....	49
UMUGEREKA WA 12: INYANDIKO Y'UMUKANDIDA WIFUZA KWIYAMAMAZA AKORESHEJE IKORANABUHANGA .....	50
<b>UMUGEREKA WA 13: INYANDIKOMVUGO ITANGIZA AMATORA MU CYUMBA CY'AMATORA .....</b>	<b>51</b>
<b>UMUGEREKA WA 14: INYANDIKO MVUGO Y'IBARURA RY'AMAJWI MU CYUMBA CY'AMATORA (ABAJYANAMA RUSANGE/ ABAJYANAMA B'ABAGORE) .....</b>	<b>52</b>
UMUGEREKA WA 15: IHUZWA RY'AMAJWI KU BIRO BY'AMATORA (ABAJYANAMA RUSANGE/ABAKANDIDA B'ABAGORE) .....	55
UMUGEREKA WA 16: INYANDIKOMVUGO Y'IHUZWA RY'AMAJWI KU RWEGO RW'UMURENGE (ABAJYANAMA RUSANGE/ ABAJYANAMA B'ABAGORE) .....	58
UMUGEREKA WA 17: UMUGEREKA UGARAGAZA ABATOREYE AHO BATIYANDIKISHIJE.....	61
UMUGEREKA WA 18: IMIGENDEKERE Y'AMATORA N'IBARURA RY'AMAJWI RY'ABAGORE 30% BY'ABAGIZE INAMA NJYANAMA Y'AKARERE .....	62
UMUGEREKA WA 19: ABAGIZE INAMA NJYANAMA BATORWA MU BYICIRO BYIHARIYE (AKARERE) .....	64
UMUGEREKA WA 20: ABAGIZE INAMA NJYANAMA BATORWA MU BYICIRO BYIHARIYE (UMUJYI WA KIGALI) .....	65
UMUGEREKA WA 21: INYANDIKOMVUGO Y'IMIGENDEKERE Y'AMATORA N'IBARURA RY'AMAJWI RY'ABAGIZE BIRO Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE /UMUJYI WA KIGALI	66
UMUGEREKA WA 22: INYANDIKOMVUGO Y'IMIGENDEKERE Y'AMATORA N'IBARURA RY'AMAJWI RYA KOMITE NYOBOZI Y'AKARERE/UMUJYI WA KIGALI .....	68
UMUGEREKA WA 23: INYANDIKOMVUGO ISOZA AMATORA KU RWEGO RW'AKARERE/ UMUJYI WA KIGALI .....	70
UMUGEREKA WA 24: INYANDIKOMVUGO YO GUTANGA IKIREGO/IKIBAZO .....	71
UMUGEREKA WA 25: ICYEMEZON <sup>0</sup> ..... CYO KU WA..... CYAFASHWE N'ISHAMI RYA KOMISIYO Y'IGHUGU Y'AMATORA KU RWEGO RWA..... KU KIREGO/IKIBAZO CYA.....	72
UMUGEREKA WA 26: INYANDIKOMVUGO IMENYEKANISHA IBYAHYA BYAKOZWE MU BIKORWA BY'AMATORA.....	73

Inama y'Abakomiseri;

Ishingiye ku Itegeko n° 27/2010 ryo ku wa 19/06/2010 rigenga amatora cyane cyane mu ngingo zaryo iya 36, iya 38, iya 42, iya 43, iya 57, iya 61, iya 62 , iya 134, iya 142 , iya 147 , iya 154 iya 156, iya 157 iya 204, iya 205, n'iya 206;

Ishingiye ku Itegeko n° 31/2005 ryo ku wa 24/12/2005 rigena imiterere n'imikorere bya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora, nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu cyane cyane mu ngingo zaryo iya 5 n'iya 12;

Imaze kubona ko amatora y'Abayobozi b'Inzego z'Ibanze agomba gutegurwa no kuyoborwa neza kugira ngo akorwe mu mucyo no mu bwisanzure;

Imaze kubisuzuma no kubyemeza mu nama yayo yo ku wa 29/12/2015;

**Itanze amabwiriza akurikira.**

## **INTERURO YA MBERE : INGINGO RUSANGE**

### **Ingingo ya mbere: Icyo aya Mabwiriza agamije**

Aya Mabwiriza agenga Amatora y'Inzego z'Ibanze, akaba yuzuza ingingo z'Itegeko N° 27/2010 ryo ku wa 19/06/2010 rigenga Amatora nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu.

### **Ingingo ya 2: Amatora y'Abayobozi b'Inzego z'Ibanze**

Amatora y'Abayobozi b'Inzego z'Ibanze ni amatora y'Inzego z'Ubayobozi ku rwego rw'Umudugudu, Akagari, Umurenge, Akarere n'urw'Umujyi wa Kigali.

### **Ingingo ya 3: Igihe amatora atangirira, igihe arangirira n'igihe asubikwa**

Bitabangamiye ibiteganywa n'amategeko, amatora atangira saa moya za mu gitondo (7:00) agasozwa saa cyenda (15:00) z'igicamunsi.

Inyandikomvugo isoza itora ku biro by'itora igaragara ku **mugereka wambere ( 1 )** w'aya Mabwiriza.

Icyakora, amatora aziguye atangira ari uko umubare wa ngombwa w'inteko itora usabwa wuzuye.

Haramutse habaye impamvu zituma amatora asubikwa, bimenyeshwa Perezida wa Komisiyo y'Ighugu y'Amatora kugira ngo abifatire icyemezo. Amatora asubukurwa igihe impamvu yatumye asubikwa irangiye.

Inyandikomvugo isubika itora cyangwa yongera igihe cy'itora mu cyumba cy'itora cyangwa ku biro by'itora igaragara ku **mugereka wa 2 w'aya Mabwiriza**.

### **Ingingo ya 4: Igihe abayobora amatora bagomba kugerera aho amatora abera**

Abashinzwe kuyobora amatora basabwe kugera aho amatora abera hasigaye nibura isaha imwe (01) mbere y'uko amatora atangira.

### **Ingingo ya 5: Indahiro y'abayobora amatora**

Mbere yo gutangira imirimo yabo, abagize biro y'amatora barahirira imbere y'abaturage bahari indahiro iteganywa n'ingingo ya 63 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe muri 2015 iri ku **mugereka wa 3 w'aya Mabwiriza**.

### **Ingingo ya 6: Imyitwarire igomba kuranga abayobora amatora.**

Abayobora amatora bagomba kurangwa n'imyitwarire myiza n'ikinyabupfura imbere y'abatora, abahagarariye abakandida, Indorerezi n'abahagarariye izindi nzego zifite uruhare mu matora. Bagomba kandi gukorera mu mucyo no mu bwisanzure.

### **Ingingo ya 7: Inyandikomvugo zikoreshwa mu matora**

Ibikorwa by'amatora bikorerwa inyandiko mvugo. Imiterere y'izo nyandikomvugo igaragara ku migerekayometse kuri aya Mabwiriza.

### ***Ingingo ya 8: Abatemerewe gutora***

Abantu bakurikira ntibemerewe gutora.

- 1) Uwambuwe n" Inkiko zibifitiye ububasha uburenganzira bwo gutora akaba ataranagurwaho ubwo busembwa cyangwa ngo ahabwe imbabazi zemewe n" amategeko;
- 2) Uwakatiwe burundi kubera icyaha cy" uwicanyi cyangwa ubuhotozi;
- 3) Uwakatiwe burundi kubera icyaha cya jenoside yakorewe Abatutsi cyangwa ibyaha byibasiye inyokomuntu uri muri kimwe mu byiciro bikurikira:
  - a) Uwakoze ibyaha cyangwa ibikorwa by' ubufatanyacyaha bimushyira mu bacuze umugambi, abawuteguye, abawushishikarije abandi, abagenzuye n'abayoboye jenoside cyangwa ibindi byaha byibasiye inyokomuntu hamwe n'ibyitso bye;
  - b) Uwari icyo gihe mu nzego z'ubuyobozi: mu rwego rw'Igihugu, urwa Perefegitura, urwa Superefegitura n'urwa Komini, mu mashyaka ya politiki, mu Gisirikare, muri Jandarumori, Polisi ya Komini, mu madini cyangwa mu mitwe yitwara gisirikari ku buryo butemewe n'amategeko, akaba yarakoze ibyo byaha cyangwa akosha abandi kubikora hamwe n'ibyitso bye;
  - c) Umwicanyi ruharwa wamamaye aho yari ari cyangwa aho yanyuze kubera umwete yagize mu bwicanyi cyangwa ubugome bukabije yabukoranye hamwe n'ibyitso bye;
  - d) Uwakoreye abandi ibikorwa by'iycarubozo, kabone n'iyo byaba bitarabaviriyemo gupfa hamwe n'ibyitso bye;
  - e) Uwasambanyije undi ku gahato cyangwa wangije imyanya ndangabitsina hamwe n'ibyitso bye;
  - f) Uwakoze ibikorwa by'ubushinyaguzi ku murambo hamwe n'ibyitso bye;
  - g) Uwakoze ibyaha cyangwa ibikorwa by" ubufatanyacyaha bimushyira mu mubare w"abishe cyangwa wagiriye abandi nabi bikabaviramo gupfa hamwe n'ibyitso bye;
  - h) Uwakomerekeje cyangwa wagiriye abandi nabi agambiriye kubica ariko umugambi we ntawugereho hamwe n'ibyitso bye;
  - i) Uwakoze cyangwa wafashije gukora ibindi byaha byakorewe abantu, atagambiriye kubica hamwe n'ibyitso bye.
- 4) Uwireze akiyemerera icyaha cya jenoside yakorewe Abatutsi cyangwa ibyaha byibasiye inyokomuntu uri muri kimwe mu byiciro bikurikira:
  - a) Uwakoze ibyaha cyangwa ibikorwa by" ubufatanyacyaha bimushyira mu bacuze umugambi, abawuteguye, abawushishikarije abandi, abagenzuye n'abayoboye jenoside cyangwa ibindi byaha byibasiye inyokomuntu hamwe n'ibyitso bye;
  - b) Uwari icyo gihe mu nzego z'ubuyobozi: mu rwego rw'Igihugu, urwa Perefegitura, urwa Superefegitura n'urwa Komini, mu mashyaka ya politiki, mu Gisirikare, muri Jandarumori, Polisi ya Komini, mu madini cyangwa mu mitwe yitwara gisirikari ku buryo butemewe n'amategeko, akaba yarakoze ibyo byaha cyangwa akosha abandi kubikora hamwe n'ibyitso bye;
  - c) Umwicanyi ruharwa wamamaye aho yari ari cyangwa aho yanyuze kubera umwete yagize mu bwicanyi cyangwa ubugome bukabije yabukoranye hamwe n'ibyitso bye;
  - d) Uwakoreye abandi ibikorwa by'iycarubozo, kabone n'iyo byaba bitarabaviriyemo gupfa hamwe n'ibyitso bye;
  - e) Uwasambanyije undi ku gahato cyangwa wangije imyanya ndangabitsina hamwe n'ibyitso bye;
  - f) Uwakoze ibikorwa by'ubushinyaguzi ku murambo hamwe n'ibyitso bye;
- 5) Uwahamwe n" icyaha cyo gusambanya abana;
- 6) Uwahamwe n" icyaha cyo gusambanya ku gahato;
- 7) Umuntu ufunze;
- 8) Impunzi".

### ***Ingingo ya 9: Abatemerewe gutorwa***

Kubera imiziro bafite, abantu bakurikira ntibemerewe gutorwa:

- 1) Abambuwe n'Inkiko zibifitiye ububasha uburenganzira bwo gutora bakaba batarahanagurwaho ubwo busembwa cyangwa ngo bahabwe imbabazi zemewe n'amategeko;
- 2) Abakatiwe burundi kubera icyaha cya jenoside cyangwa ibyaha byibasiye inyokomuntu bo mu rwego rwa mbere n'urwa kabiri nk'uko biteganywa itegeko ngenga n° 13/2008 ryo ku wa19/05/2008 rihindura kandi ryuzuza itegeko ngenga n° 16/2004 ryo ku wa19/06/2004 rigena imiterere, ububashan'imikorere by'inkiko gacaca zishinzwe gukurikirana no gucira imanza abakoze ibyaha bya jenoside n'ibindi byaha byibasiye inyokomuntu byakozwe hagati yitariki ya mbere ukwakira 1990 n'iya 31 ukuboza 1994 nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwekugeza ubu;
- 3) Abireze bakiyemerera icyaha cya jenoside cyangwa ibyaha byibasiye inyokomuntu bibashyira mu rwego rwa mbere n'urwa kabiri nk'uko biteganywa itegeko ngenga n° 13/2008 ryo ku wa19/05/2008 rihindura kandi ryuzuza itegeko ngenga n° 16/2004 ryo ku wa19/06/2004 rigena imiterere, ububashan'imikorere by'inkiko gacaca zishinzwe gukurikirana no gucira imanza abakoze ibyaha bya jenoside n'ibindi byaha byibasiye inyokomuntu byakozwe hagati yitariki ya mbere ukwakira 1990 n'iya 31 ukuboza 1994 nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwekugeza ubu;
- 4) Abantu bashyizwe mu bwishingire n'ubutabera;
- 5) Abantu bahombeje ibigo bari bashinzwe kuyobora, byaremejwe n'Inkiko, mu gihe batarahanagurwaho ubwo busembwa;
- 6) Abakatiwe burundi kubera icyaha cy'ubuhotozi n'icyo gusambanya ku ngufu;
- 7) Abahamwe n'icyaha cy'amacakubiri n'ivangura;
- 8) Abavuye mu nyangamugayo z'Inkiko Gacaca kubera imikorere cyangwa imyitwarire mibi;
- 9) Abafite ubumuga bwo mu mutwe bwemejwe na muganga wemewe na Leta.

### ***Ingingo ya 10: Iyubahirizwa ry'ihame ry'uburinganire***

Mu Matora y'Inzego z'Ibanze ihame ry'uburinganire rigomba kubahirizwa.

### ***Ingingo ya 11: Imirimo itabangikanywa no kuba Umujyanama mu nzego z'Ibanze.***

Umurimo w'ubujyanama ntubangikanywa no kuba:

- 1) mu bagize Guverinoma;
- 2) mu bagize Inteko Ishinga Amategeko;
- 3) Umucamanza cyangwa Umushinjacyaha;
- 4) Guverineri w'Intara;
- 5) Umupolisi;
- 6) Umusirikare;
- 7) mu rwego rw'Ighihu rushinzwe iperereza n'umutekano;
- 8) mu rwego rw'Ighihu rushinzwe imfungwa n'abagororwa;
- 9) akora imirimo ya Leta hanze y'Ighihu;
- 10) umwe mu batoresha abagize Inzego z'Ibanze;
- 11) umwe mu bakozi bwite b'urwego rw'imitegekere y'Ighihu rwegerejwe abaturage akorera;
- 12) umwe mu bakozi mu butegetsi bwite bw'Akarere ukorera ku cyicaro cyako cyangwa ubw'Umujiyi wa Kigali kandi ariho abereye Umujyanama;
- 13) Umugenuzi Mukuru w'Imari ya Leta cyangwa Umwungirije;
- 14) Umuvunyi Mukuru cyangwa Umwungirije.
- 15) Abakozi ba DASSO n'inkeragutabara.

Icyakora, iyo ukora umwe mu mirimo ivugwa muri iyi ngingo abisabye ubuyobozi bumukuriye, bikemerwa mu nyandiko, ahagarika by'agateganyo imirimo ye mbere yo gutanga kandidatire ye. Yemererwa kwiyamamaza, yatorwa akabona kwegura ku murimo utabangikanywa no kuba umujyanama. Iyo adatowe, asubira mu mirimo nta nzitizi.

**Ingingo ya 12: Igihe hatabonetse umukandida wiyamamaza mu matora**

Iyo nta mukandida ubonetse wiyamamaza mu matora, Komisiyo y'Ighugu y'Amatora ibitangariza abaturage bireba, gutanga kandidatire bikongera gukorwa mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) kuva bitangajwe.

**Ingingo ya 13: Uburenganzira bwo kwiyamamaza**

Buri mukandida afite uburenganzira bwo kwiyamamaza mu gihe no mu buryo buteganywa n'Itegeko rigenga amatora n'aya Mabwiriza.

**Ingingo ya 14: Ibibujijwe abiyamariza ubuyobozi ku rwego rw'Ibanze**

Kubiyamariza ubuyobozi ku rwego rw'Ibanze, nta witoza mu izina ry'umutwe wa Politiki. Mu kwiyamamaza cyangwa kwamamaza, ntibyemewe gukora ibi bikurikira:

1. Gukoresha ibiranga Ighugu n'ibiranga Imitwe ya Politiki ku mafoto n'inyandiko byamamaza abakandida;
2. Guhungabanya amahoro, ubumwe n'umudendezo rusange by'Abanyarwanda;
3. Kwiyamamaza mu izina ry'ubwoko, iry'Akarere, iry'Umutwe wa Politiki n'iry'idini;
4. Gutanga ruswa ku buryo ubwo ari bwo bwose;
5. Gukoresha amagambo asebanya, ay'uburiganya cyangwa ashobora gutera amacakubiri haba mu mvugo cyangwa mu nyandiko;
6. Kwangiza amafoto cyangwa inyandiko zamamaza abandi bakandida;
7. Kutubahiriza ingengabihe no kwiyamariza ahatateganyijwe n'amategeko n'amabwiriza;
8. Gukoresha umutungo wa Leta;
9. Kugira imyitwarire iyo ariyo yose inyuranyije n'amategeko n'amabwiriza bigenga igikorwa cyo kwiyamamaza.

**Ingingo ya 15: Ibihano bihabwa umukandida wiyamamaje mu buryo bunyuranyije n'amategeko**

Bitabangamiye ibindibihano bitemanywa n'amategeko, umukandida unyuranyije n'ibiteganywa n'ingingo ya 14 y'aya Mabwiriza avanwa kuri lisiti y'abakandida nta mpaka. Uburyo bikorwamo, bwubahiriza ibiteganywa n'Itegeko n° 27/2010 ryo ku wa 19/06/2010 rigenga amatora nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu. Icyakora, icyemezo cyo kubavana kuri lisiti y'abakandida abiyamariza kujya mu nzego z'ubuyobozi ku rwego rw'Umudugudu, urw'Akagari n'urw'Umurenge, bikorwa na Komite ziayobora amatora bikamenyeshwa urwego rwa Komisiyo y'Ighugu y'amatora ruzikuriye kandi bigakorerwa inyandikomvugo.

**Ingingo ya 16: Uburyo amatora akorwa hagati y'abakandida banganyije amajwi**

Iyo hari abanganyije amajwi mu matora, amatora asubirwamo kuri abo banganyije amajwi. Igihe bongeye kunganya hakoreshwa tombola kugira ngo hamenyekane uwatowe.

Muri icyo gihe, uyobora amatora akoresha impapuro zingana n'umubare w'abanganyije amajwi, akandika kuri rumwe YEGO izisigaye akandikaho OYA. Izo mpapuro zishyirwaho umukono cyangwa kashe ya

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora aho bishoboka n'uyobora amatora kuri urwo rwego. Buri mukandida mu banganyije amajwi ahitamo urupapuro rumwe. Utoye YEGO aba atsindiye umwanya uhatanirwa.

#### **Ingingo ya 17: Kubarura amajwi**

Kubarura amajwi bikorwa amatora akirangira imbere y'abagize Inteko itora bahari. Abayoboye amatora bahita bamenyekanisha ku bari aho ibyavuye mu matora.

Uwarushije cyangwa abarushije abandi amajwi nibo baba batowe hakurikijwe umubare w'imyanya itorerwa.

Iyo hari abanganyije amajwi ku mwanya umwe, amatora asubirwamo hubahirizwa ibiteganywa n'ingingo ya 16 y'aya Mabwiriza.

Igihe habayeho gusubika ibarura ry'amajwi kubera impamvu zifite ishingiro, abahuzabikorwa b'amatora buzuza inyandiko isubika ibarura ry'amajwi mu cyumba cyangwa ku biro by'itora igaragara ku mugereka **wa 4 w'aya Mabwiriza.**

#### **Ingingo ya 18: Gutsinda amatora ku mukandida umwe**

Mu gihe hari umukandida umwe (1) rukumbi mu matora, uwo mukandida atsinda amatora ari uko atowe ku bwiganze busesuye (50% + ijwi rimwe ) bw'amajwi y'abatoye bose havanywemo imfabusa.

Igihe umukandida atatowe, hakoreshwu andi matora mu gihe kitarenze iminsi mirongo cyenda (90).

Mu gihe muri ayo matora umukandida yongeye kuba umwe, atsindira ku majwi yabonye uko angana kose.”

#### **Ingingo ya 19: Uburyo bwo gukemura impaka**

Impaka zivutse mu matora y'Inzego z'Ibanze zikemurwa hashingiwe ku bitemganywa n'amategeko n'amabwiriza bigenga amatora.

#### **Ingingo ya 20: Abanyamahanga bemerewe gutora**

Abanyamahanga iyo bamaze nibura umwaka umwe (1) batuye mu Mudugudu cyangwa mu Kagari bemerewe gutora gusa mu matora y'Inzego z'Ibanze ku rwego rw'Umudugudu n'urw'Akagari batuyemo.

## **INTERURO YA 2. AMATORA Y'ABAYOBOZI B'INZEGO Z'IBANZE**

### **UMUTWE WA MBERE: AMATORA Y'ABAYOBOZI KU UMUDUGUDU, AKAGARI N'UMURENGE**

#### **ICYICIRO CYA MBERE: AMATORA Y'ABAYOBOZI KU RWEGO RW'UMUDUGUDU**

#### **Akiciro ka mbere: IMYANYA ITORERWA N'UKO IKURIKIRANA MU MATORA**

#### **Ingingo ya 21: Imyanya itorerwa ku rwego rw'Umudugudu**

Imyanya itorerwa ku rwego rw'Umudugudu ni iyi ikurikira:

1. Abagize Komite Nyobozi y'Umudugudu batanu (5),
2. Umujyanama rusange uhagararira Umudugudu mu Nama Njyanama y'Akagari
3. Abakandida babiri (2) b'abagore bazatorwamo abajya mu Nama Njyanama y'Akagari

Aba bose batorwa n'Abaturage bose bujuje imyaka cumi n'umunani (18) y'amavuko batuye mu Mudugudu badafite imiziro iteganywa n'Itegeko rigenga amatora.

***Ingingo ya 22: Uburyo imyanya itorerwa ku rwego rw'Umudugudu ikurikirana***

Mu gutora ku rwego rw'Umudugudu, imyanya itorerwa ikurikirana ku buryo bukurikira:

- 1° Abagize Komite Nyobozi y'Umudugudu batanu (5) bagomba gutorwa bakurikirana mu buryo bukurikira:
  - a. Umukuru w'Umudugudu;
  - b. Ushinzwe imibereho myiza y'abaturage n'imbonezamubano;
  - c. Ushinzwe umutekano, abinjira n'abasohoka mu Mudugudu;
  - d. Ushinzwe amakuru n'amahugurwa y'abaturage;
  - e. Ushinzwe iterambere.
- 2° Umujyanama rusange uhagararira Umudugudu mu Nama Njyanama y'Akagari;
- 3° Abakandida babiri (2) b'abagore bazatorwamo abajya mu Nama Njyanama y'Akagari.

Udatorewe umwanya ubanza ashobora kwiyamariza undi mwanya ukurikiraho.

**Akiciro ka 2: GUTANGA KANDIDATIRE NO KWIYAMAMAZA**

***Ingingo ya 23: Uburyo bwo gutanga kandidatire no kwiyamamaza***

Mbere y'uko kandidatire zitangwa, uyobora amatora avuga imyanya igiye kwiyamarizwa akavuga n'inshingano z'abatorerwa iyo myanya.

Kwiyamariza gutorerwa kuba umukandida ku Mudugudu bikorwa mu ruhame ku munsi w'itora imbere y'abaturage bose batuye umudugudu.

Buri muntu atanga kandidatire ku giti cye cyangwa akamamazwa n'abandi mu bagize inteko itora. Uduhari uzwihio kuzuza ibisabwa ashobora kwamamazwa, amaze kubyemera hakoreshejwe uburyo bushoboka, agahagararirwa n'uwanwamamaje. Uwamamaza avuga amazina yose y'Umukandida, icyo akora n'impamvu amutanzeho umukandida.

Abakandida bahabwa igihe kingana n'iminota itarenze itanu (5) yo kwiyamamaza.

Umukandida ageza ku batora umwirondoro we n'imigabo n'imigambi ye.

***Ingingo ya 24: Uwamamajwe udashaka gutorwa***

Uwamamajwe udashaka gutorwa asobanurira Abaturage impamvu abyante, batabyemera akaguma mu bakandida. Icyakora, iyo atsimbaraye ku mpamvu ye avanwa mu bakandida.

***Ingingo ya 25: Kunenga umukandida***

Umuntu wiyamamajwe cyangwa wamamajwe ashobora kunengwa, nawe akabona umwanya wo kwisobanura. Icyakora mu kunenga, hagomba gushingirwa ku mpamvu zifite ibimenyetso bifatika kandi hatagamijwe gusebanya. Unenga ku buryo bunyuranyije n'amategeko n'amabwiriza ashyikirizwa iyo bibaye ngombwa inzego zibifitiye ububasha.

### **Akiciro ka 3: IMIGENDEKERE Y'AMATORA**

#### **Ingingo ya 26: Lisiti y'amatora n'ikarita y'amatora**

Muri aya matora, hifashishwa lisiti y'amatora kugira ngo hamenyekane abagize inteko banemerewe gutora. Hifashishwa kandi n'amakarita y'amatora ahabwa abemerewe gutora.

#### **Ingingo ya 27: Umubare wa ngombwa kugira ngo amatora atangire**

Kugira ngo amatora atangire hagomba kuba nibura hari kimwe cya kabiri (1/2) cy'abaturage bose batuye Umudugudu bemerewe gutora.

Komisiyo y'Ighugu y'Amatora imenyekeisha umubare w'abatora ishingiye ku ilisiti y'amatora y'Umudugudu yemejwe.

Icyakora iyo umubare wa ngombwa udashoboye kuzura kuri uwo munsi, Komisiyo y'Ighugu y'Amatora isubika amatora mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7).

Ku munsi w'isubukurwa ry'amatora, abaje batora uko bangana.

Amatora ku Midugudu yose igize Akagari atangira ku isaha imwe.

Amatora agitangira, umuhuzabikorwa w'amatora yuzuza inyandikomvugo itangiza itora igaragara ku **mugereka wa 5 w'aya** Mabwiriza.

#### **Ingingo ya 28: Uburyo amatora akorwa**

Amatora y'Inzego z'Ubuyobozi ku rwego rw'Umudugudu akorwa mu ruhame. Abatora bajya ku murongo ugororotse inyuma y'umukandida bihitiyemo. Mu amatora umukandida ntiyemerewe guhindukira kugeza ibarura ry'amajwi rirangiye.

Hagati y'imirongo y'abashyigikiye abakandida batandukanye hagomba kuba harimo nibura metero eshatu (3). Abashinzwe amatora bagomba kwita kuri iki cyemezo mbere yo kubarura amajwi.

Ntawemerewe kuva ku murongo cyangwa guhindura umurongo ibarura n'itangazwa ry'amajwi bitararangira.

Iyo amatora arangiye, umuhuzabikorwa w'amatora yuzuza inyandikomvugo y'imigendekere y'amatora ku myanya itorerwa ku rwego rw'Imidugudu hakurikijwe **umugereka wa 6 w'aya** Mabwiriza.

#### **Ingingo ya 29: Umukandida uba yatsinze amatora**

Mu matora y'abayobozi b'Inzego z'Ibanze ku rwego rw'Umudugudu, umukandida urushije abandi amajwi ni we uba yatsindiye umwanya utorerwa. Iyo umukandida ari umwe rukumbi, atsinda amatora ari uko yabonye ubwiganze busesuye bw'amajwi (50% +ijwi 1).

Iyo umukandida rukumbi atagejeje ku bwiganze busesuye bw'amajwi amatora asubirwamo inshuro ebyiri gusa. Iyo ubwiganze busesuye butabonetse, amatora arasubikwa hubahirizwa ibiteganywa mu ngingo ya 3 y'aya Mabwiriza.

## **ICYICIRO CYA II: AMATORA Y'ABAYOBOZI KU RWEGO RW'AKAGARI.**

### **Akiciro ka mbere: IMYANYA ITORERWA N'UBURYO IKURIKIRANA**

#### **Ingingo ya 30: Imyanya itorerwa ku rwego rw'Akagari n'uburyo ikurikirana**

Imyanya itorerwa ku rwego rw'Akagari ni:

- 1° Abajyanama b'abagore bangana nibura na 30% by'abagomba kugira Inama Njyanama y'Akagari batorwa n'abaturage bose bemerewe gutora batuye Akagari bagatorwa mu bakandida b'abagore batowe ku rwego rw'Imidugudu;
- 2° Abakandida babiri (2) b'abagore bazavamo nibura 30% by'abagore bazahagararira Akagari mu Nama Njyanama y'Umurenge. Icyakora Umurenge ufite Utugari tutarenze dutatu (3) hatorwa abakandida b'abagore bane (4) muri buri Kagari.  
Batorwa n'Abaturage bose b'Akagari bemerewe gutora.
- 3° Abajyanama batorwa mu byiciro bikurikira:
  - a. Inama y'Igihugu y'abagore;
  - b. Inama y'Igihugu y'Urubyiruko;
  - c. Inama y'Igihugu y'abantu bafite ubumuga;
  - d. Ibigo by'amashuri y'incuke biri mu Kagari;
  - e. Ibigo by'amashuri abanza biri mu Kagari;
  - f. Abikorera bari muri ako Kagari.
- 4° Umujyanama uhagarariye Akagari mu Nama Njyanama y'Umurenge utorwa n'Inama Njyanama y'Akagari; Abagize Biro y'Inama Njyanama y'Akagari;
- 5° Abagize Inama Njyanama bitoramo abagize Biro.

Mu gutora, imyanya ikurikirana nk'uko itondetse muri iyi ngingo.

Udatorewe umwanya ubanza ashobora kwiyamamariza undi mwanya.

### **Akiciro ka 2: KWIYAMAMARIZA KUBA MU NAMA NJYANAMA Y'AKAGARI**

#### **Ingingo ya 31: Uburyo bwo kwiyamamaza**

Abatorewe ku rwego rw'Umudugudu bose aba ari Abakandida mu Nama Njyanama y'Akagari.

Kwiyamamaza bikorwa umunsi w'amatora imbere y'Inteko itora.

Umukandida ageza ku nteko itora umwirondoro we, imigabo n'imigambi ye.

Abakandida bose bahabwa iminota itarenze itanu (5) yo kwiyamamaza.

Abakandida bashobora kunengwa hakurikijwe ibiteganyijwe mu ngingo ya 25 y'aya Mabwiriza.

### **Akiciro ka 3: IMIGENDEKERE Y'AMATORA**

#### ***Ingingo ya 32: Amatora y'abajya mu Nama Njyanama y'Akagari baturuka mu Midugudu***

Umukandida wese watorewe mu Mudugudu ashobora gutorerwa kuba Umujyanama mu Nama Njyanama y'Akagari. Icyakora, udashoboye kuboneka kubera impamvu zizwi kandi zifite ishingiro nawe ashobora gutorwa.

Kugira ngo amatora atangire kuri buri cyiciro cy'amatora, hagomba kuba nibura kimwe cya kabiri (½) cy'abagize Inteko itora.

Agitangiza amatora y'abajya mu Nama Njyanama y'Akagari baturuka ku Midugudu n'ayibyiciro byihariye, umuhuzabikorwa w'amatora yuzuza inyandikomvugo itangiza amatora iri ku **mugereka wa 7** w'aya Mabwiriza. Iyo amatora ya buri cyiciro arangiye agenda yuzuza inyandikomvugo y'imigendekere y'amatora iri ku **mugereka wa 8, uwa 9 n'uwa 10 w'aya** Mabwiriza.

Iyo inteko itora idashoboye kuzura kuri uwo munsi mbere ya saa cyenda z'igicamunsi, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora isubika amatora mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7) hubahirizwa ibiteganywa n'ingingo ya 3 y'aya Mabwiriza.

Ku munsi w'isubukurwa ry'amatora, abaje batora uko bangana.

#### ***Ingingo ya 33: Amatora y'ibyiciro byihariye***

Abagize Inteko itora ya buri cyiciro cyihariye bagaragazwa n'urutonde rwateguwe na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora.

Amatora y'ibyiciro byihariye akorerwa aho ibyo byiciro byihariye bishobora guteranira bitabagoye hagenwa na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora hasigaye nibura iminsi irindwi (7) ngo amatora akorwe.

Umuhuzabikorwa w'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko, uw'Inama y'Igihugu y'Abagore n'u'w'Inama y'Igihugu y'abantu bafite Ubumuga batorwa n'inzego zisanzwe zibatora.

Iyo Umuhuzabikorwa w'Urwego rw'icyiciro mubivugwa mu gika kibanziriza iki atorewe kujya mu Nama Njyanama y'Umurenge asimburwa mu Nama Njyanama y'Akagari binyuze mu matora akorwa n'inzego zisanzwe zibatora.

Uhagarariye abayobozi b'ibigo by'amashuri y'incuke biri mu Kagari atorwa n'abayobozi n'abrimu b'ibigo by'amashuri y'incuke biri mu Kagari. Uhagarariye abarimu bo mu mashuri abanza ari mu Kagari atorwa n'abayobozi n'abrimu b'ayo mashuri.

Uhagarariye abikorera atorwa n'abikorera muri ako Kagari .

Amatora akorwa mu buryo butaziguye kandi mu ibanga. Utora yandika amazina y'umukandida yihiityemo ku rupapuro rwagenwe na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora.

Iyo mu Kagari hari ikigo kimwe cy'amashuri y'incuke umuyobozi wacyo niwe uhagararira icyo cyiciro mu Nama Njyanama y'Akagari igihe yujuje ibyangombwa bisabwa n'amategeko.

**Ingingo ya 34: Amatora y'Abajyanama b'Abagore bangana nibura na 30% y'abagomba kugira Inama Njyanama y'Akagari**

Abakandida b'abagore b'Imidugudu yose igize Akagari bahrira ku rwego rw'Akagari bagatorwamo umubare w'Abajyanama b'abagore ungana na mirongo itatu ku ijana (30%) by'abagomba kugira Inama Njyanama y'Akagari. Iyo hari umubare b'abagore bagomba gutorwa urengaho ibice ibyo bice birenga mu gihe cyo gushaka 30%, ntabwo byitabwaho mu kwemeza umubare w'abagore.

Inteko itora abagize icyiciro cy'Abajyanama b'Abagore igizwe n'Abaturage bose b'Akagari bemerewe gutora.

Abatora bajya ku murongo inyuma y'umukandida bishitiyemo.

Mu amatora, umukandida ntiyemerewe kureba inyuma kugeza igithe ibarura ry'amajwi rirangiriye.

Ntawemerewe kuva ku murongo cyangwa guhindura umurongo ibarura n'itangazwa ry'amajwi bitararangira.

*Urugero rw'uburyo umubare w'Abajyanama b'Abagore uboneka hashingive ku biteganywa n'ibika bibanziraza iki.*

*Umubare w'Abajyanama b'abagore bagize 30% by'abagomba kugira Inama Njyanama y'Akagari uboneka mu buryo bukurikira:*

$X = \text{umubare w'abagomba kugira Inama Njyanama y'Akagari}$

$30\% X = \text{Umubare w'Abajyanama b'abagore bagize 30\% by'abagomba kugira Inama Njyanama y'Akagari}$

$A = \text{umubare w'Imidugudu igize Akagari}$

$B = \text{umubare w'Abajyanama b'ibyiciro byihariye.}$

$$X = A + B + \frac{30}{100}X$$

$$X - 30\% X = A + B$$

$$X - \frac{3}{10}X = A + B$$

$$(10X - 3X)/10 = A + B$$

$$7X/10 = A + B$$

$$7X = 10(A + B)$$

$$X = 10(A + B)/7$$

$$X = (10A + 10B)/7$$

**Ingingo ya 35: Amatora y'Umujuyanama rusange uhagararira Akagari muri Njyanama y'Umurenge**

Abagize Inama Njyanama y'Akagari bitoramo Umujuyanama rusange umwe (1) uhagararira Akagari mu Nama Njyanama y'Umurenge. Kugira ngo amatora akorwe hagomba kuba hari nibura bibiri bya gatatu (2/3) by'abagize Inteko itora.

Umujuyanama wese ashobora gutorerwa guhagararira Akagari mu Nama Njyanama y'Umurenge Icyakora, udashoboye kuboneka mu gihe cy' amatora kubera impamvu zizwi kandi zifite ishingiro nawe ashobora gutorwa.

Urushije abandi amajwi niwe uba utowe.

Iyo hari abanganyije amajwi, amatora asubirwamo hubahirizwa ibiteganywa n'ingingo ya 16 y'aya Mabwiriza.

Haseguriwe ibiteganywa n'igika cya mbere cy'iyi ngingo, Umujyanama utorewe guhagararira Akagari mu Nama Njyanama y'Umurenge, asimburwa mu Nama Njyanama y'Akagari n'umukurikiye mu majwi igihe yaba yarabonye nibura kimwe cya kabiri (1/2) cy'amajwi y'uwo asimbura . Iyo uwamukurikiye atabonye amajwi asabwa, hategurwa andi matora yo gusimbura uwo mujyanama mu gihe kitarenze amezi atatu (3).

**Iningo ya 36: Amatora y'abakandida b'Abagore bazatorwamo nibura 30% by'abagomba kugira Inama Njyanama y'Umurenge**

Umubare w'abakandida b'abagore batorerwa ku rwego rw'Akagari kugira ngo bazatorwemo 30% by'abagomba kugira Inama Njyanama y'Umurenge hubahirizwa ibiteganywa n'ingingo ya 34 y'aya Mabwiriza

Abarushije abandi amajwi nibo baba batowe.

Iyo hari abanganyije amajwi hubahirizwa ibiteganywa mu ngingo ya 16 y'aya Mabwiriza.

**Iningo ya 37: Amatora y'Abagize Biro y'Inama Njyanama y'Akagari**

Abagize Biro y'Inama Njyanama y'Akagari batorwa n'Abagize Inama Njyanama y'Akagari .

Amatora akorwa nyuma yo kurahira kw'Abagize Inama Njyanama batowe. Uwo muhango wo kubarahiza ukorwa mu gihe kitarenze iminsi ibiri (2) bamaze gutorwa ukayoborwa n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge cyangwa undi wabiherewe ububasha n'Ubuyobozi bw'Akarere.

Amatora abera ahagenwe na Komisiyo y'Ighugu y'Amatora.

Amatora akorwa mu buryo buziguye kandi mu ibanga.Utora yandika amazina y'umukandida yihiitiyemo ku rupapuro rugenwa na Komisiyo y'Ighugu y'Amatora.

Mu gutora, abagize Inama Njyanama babanza gutorera umwanya wa Perezida, bagakurikizaho umwanya wa Visi Perezida, hagaheruka uw'Umunyamabanga.

Buri mwanya utorerwa ukwawo, utsindiwe uwo mwanya ashobora kwiyamariza undi mwanya ukurikira.

Muri aya matora, umukandida warushije abandi amajwi niwe uba watowe. Icyakora iyo hari abanganyije amajwi, amatora asubirwamo hubahirizwa ibiteganywa n'ingingo ya 16 y'aya Mabwiriza.

## **ICYICIRO CYA III: AMATORA Y'ABAGIZE INAMA NJYANAMA Y'UMURENGE**

### **Akiciro ka mbere: IMYANYA ITORERWA N'UBURYO IKURIKIRANA**

#### **Ingingo ya 38: Imyanya itorerwa ku rwego rw'Umurenge**

Imyanya itorerwa ku rwego rw' Umurenge ni:

1. Abajyanama batorwa mu byiciro bikurikira:
  - a) Inama y'Igihugu y'Abagore;
  - b) Inama y'Igihugu y'Urubyiruko;
  - c) Inama y'Igihugu y'Abafite ubumuga;
  - d) Ibigo by'amashuri yisumbuye biri mu Murende;
  - e) Ibigo by'amashuri abanza biri mu Murende;
  - f) Abikorera bakorera mu Murende ;
  - g) Uhagarariye Imiryango itari iya Leta ikorera muri uwo Murende;
  - g) Amakoperative ;
  - h) Ibitaro, ibigo nderabuzima n'amavuriro.
2. Abajyanama b'abagore bangana nibura na 30% y'abagomba kugira Inama Njyanama y'Umurenge;
3. Abagize Biro y'Inama Njyanama y'Umurenge;

#### **Ingingo ya 39: Uburyo imyanya itorerwa ikurikirana**

Mu gutora imyanya itorerwa ikurikirana mu buryo bukurikira:

- a. Ibyiciro byihariye nk'uko biteganywa mu gika cya mbere (1) cy'ingingo ya 38 y'aya Mabwiriza;
- b. Abajyanama b'abagore bangana nibura na 30% y'abagomba kugira Inama Njyanama y'Umurenge;
- c. Abagize Biro y'Inama Njyanama y'Umurenge;

Udatorewe umwanya ubanza ashobora kwiyamariza undi mwanya.

#### **Ingingo ya 40: Abajyanama bahagararira inzego zihariye mu Nama Njyanama y'Umurenge**

1. Uwatowe kuba Umuhuzabikorwa w'Inama y'Igihugu y'Abagore ku rwego rw'Umurenge nawe agirwa umujyanama kuri urwo rwego.
2. Abagize Biro y'Inama y'Igihugu y'urubyiruko ku rwego rw'Umurenge nibo bahagararira urubyiruko mu Nama Njyanama y'Umurenge.
3. Uwatowe kuba Umuhuzabikorwa w'Inama y'Igihugu y'Abafite ubumuga ku rwego rw'Umurenge niwe ugirwa umujyanama uhagarariye abafite ubumuga kuri urwo rwego.
4. Abagore bangana na 30% by'abagomba kuba bagize Inama Njyanama y'Umurenge barushije abandi amajwi nibo baba batorewe kuba abajyanama muri uwo Murende. Inteko itora Abagore bangana na 30% by'abagize Inama Njyanama y'Umurenge igizwe n'abagore batowe mu buryo

butaziguye muri buri Kagari kagize uwo Murenge ari nabo bakandida bitoramo umubare wa ngombwa.

5. Umujyanama uhagarariye ibigo by'amashuri yisumbuye.

Inteko itora uwo Mujyanama igizwe n'abayobozi n'abrimu b'ibigo by'amashuri yisumbuye biri mu Murenge. Abrimu b'Abanyamahanga bigisha muri ibyo bigo bemerewe gutora iyo bamaze nibura umwaka umwe (1) bahigisha, ariko ntibemerewe gutorwa.

Abakandida kuri uwo mwanya bagomba kuba ari abayobozi b'ibyo bigo kandi ari Abanyarwanda badafite imiziro.

6. Umujyanama uhagarariye ibigo by'amashuri abanza.

Inteko itora uwo Mujyanama igizwe n'Abayobozi n'abrimu b'ibigo by'amashuri abanza biri mu Murenge. Abrimu b'Abanyamahanga bigisha muri ibyo bigo bemerewe gutora iyo bamaze nibura umwaka umwe (1) bahigisha, ariko ntibemerewe gutorwa.

Abakandida kuri uwo mwanya bagomba kuba ari abayobozi b'ibyo bigo kandi ari Abanyarwanda badafite imiziro.

7. Umujyanama uhagarariye amakoperative mu Nama Njyanama y'Umurenge. Inteko imutora igizwe n'abagize Komite Nyobozi z'amakoperative yujuje ibyangombwa byemewe n'amategeko kandi afite icyicaro muri uwo Murenge.

Abakandida ni abayobozi b'amakoperative yujuje ibyangombwa byemewe n'amategeko kandi afite icyicaro muri uwo Murenge.

8. Umujyanama uhagarariye ibitaro, ibigo nderabuzima n'amavuriro biri mu Murenge. Inteko imutora igizwe n'abaganga n'abaforomo bakorera mu Murenge;

Abanyamahanga bakora muri ibyo bigo bemerewe gutora iyo bamaze nibura umwaka umwe (1) bahakora, ariko ntibemerewe gutorwa.

Abakandida kuri uwo mwanya bagomba kuba ari abayobozi b'ibyo bigo kandi ari Abanyarwanda badafite imiziro.

9. Umujyanama uhagarariye imiryango itari iya Leta. Inteko imutora igizwe n'abahagarariye iyo miryango imbere y'amategeko ariko ifite icyicaro muri uwo Murenge.

Abakandida ni Abahagarariye iyo miryango kandi badafite imiziro.

Iyo hari ikigo kimwe (1) cy'amashuri yisumbuye cyangwa abanza, Koperative imwe (1), ikigo cy'Ubuuvi kimwe (1) n'Umuryango utari uwa Leta umwe (1), abayobozi b'ibyo bigo, bahita bajya mu bagize Inama Njyanama y'uwo Murenge iyo nta miziro bafite nk'uko biteganywa n'amategeko.

#### **Ingingo ya 41: Uwiyamamariza umwanya mu nzego ziyoborwa n'abanyamahanga**

Iyo umuyobozi wa rumwe mu nzego ziteganywa mu ngingo ibanziriza iyi ari Umunyamahanga, uwemerewe kwiyamamaza ni Umunyarwanda ukurikira mu rwego rw'Ubuyobozi.

## **Akiciro ka 2: GUTANGA KANDIDATIRE N'IMIGENDEKERE Y'AMATORA**

### **Ingingo ya 42: Amatora ya Biro y'Inama Njyanama y'Umurenge**

Gutanga kandidatire bikorwa ku munsi w'amatora imbere y'abagize Inama Njyanama y'Umurenge ari nabo bagize Inteko itora.

Amatora ku Murenge atangira ari uko nibura abangana na kimwe cya kabiri (1/2) cy'abagize Inteko itora kuri buri cyiciro bahageze.

Mu gutora abagize Biro y'Inama Njyanama y'Umurenge habanza gutorwa Perezida, hagakurikiraho Visi Perezida hagaheruka Umunyamabanga hubahirizwa ibiteganywa n'amategeko n'aya Mbwiriza.

Itora ry'abagize Biro riba mu ibanga buri muntu mu bagize Inteko itora yandika ku rupapuro rwabigenewe amazina y'umukandida ahisemo.

### **Ingingo ya 43: Amatora y'abahagarariye Inzego zihariye ku Murenge**

Amatora y'abagize Inama Njyanama y'Umurenge abera mu nzego zihariye akorwa mu buryo buziguye bandika kandi mu ibanga.

Buri muntu mu bemerewe gutora yandika amazina y'umuntu yatoye ku rupapuro rw'Itora rwagenwe na Komisiyo y'Ighugu y'Amatora.

Urupapuro rw'Itora rwanditseho amazina y'umukandida urenze umwe (1) cyangwa urutagize icyo rwandikwaho kimwe n'urwanditseho ibindi binyuranyije n'uburyo bwo gutora ruba impfabuswa.

### **Ingingo ya 44: Amatora ya 30% by'abagore mu Nama Njyanama y'Umurenge**

Mu matora ya 30% by'abagore by'abagomba kujya mu Nama Njyanama y'Umurenge, buri muntu mu bagize Inteko itora yandika amazina atarenze umubare wa ngombwa w'abagomba kujya mu Nama Njyanama.

Urupapuro rwatoreweho abagore rwanditseho amazina y'Abakandida barenze umubare wa ngombwa cyangwa urutagize icyo rwandikwaho kimwe n'urwanditseho ibindi binyuranyije n'uburyo bwo gutora ruba impfabuswa.

Iyo hari abanganyije amajwi ku buryo umubare wa ngombwa urenga, hakorwa tombola hagati y'abanganyije amajwi kugira ngo hasigare umubare ukenewe hubahirizwa ibiteganywa n'ingingo ya 16 y'aya Mbwiriza

Abakandida bangana n'umubare wa ngombwa barushije abandi amajwi nibo baba batsindiye kujya mu myanya yagenewe abagore mu Nama Njyanama y'Umurenge .

Umukandida utatsindiye umwanya ubanza, ashobora kwiyamamaza ku mwanya ukurikiyeho iyo yujuje ibisabwa n'amategeko.

***Ingingo ya 45: Gutandukanya abakandida bitiranwa amazina***

Iyo mu kwiyamamaza hari abakandida bitiranwa amazina yose, uwimenyekanisha yongeraho ikimenyetso kimutandukanya n'undi mukandida.

Utora agomba kwandika amazina yabo yose yatanzwe kugira ngo habeho gutandukanya amajwi yahawé buri mukandida. Bitaba ibyo, urupapuro rwatoreweho rukaba impfabusa.

***UMUTWE WA II: AMATORA Y'ABAYOBOZI KU RWEGO RW'AKARERE N'UMUJYI WA KIGALI.***

***ICYICIRO CYA MBERE : IMYANYA ITORERWA N'UBURYO IKURIKIRANA***  
**Akiciro ka mbere: Imyanya itorerwa ku rwego rw'Akarere n'urw'Umujiyi wa Kigali**

***Ingingo ya 46: Inzego z'ubuyobozi zitorerwa ku Karere***

Inzego z'Ubuyobozi zitorwa ku rwego rw'Akarere ni izi zikurikira:

1. Inama Njyanama igizwe n'Abajyanama baturuka mu byiciro bikurikira:
  - a) Abajyanama rusange batorwa ku rwego rw'Imirenge igize Akarere;
  - b) Abajyanama batatu (3) bagize Biro y'Inama y'Ighugu y'Urubyiruko ku rwego rw'Akarere;
  - c) Umuhuzabikorwa w'Inama y'Ighugu y'Abagore ku rwego rw'Akarere;
  - d) Abajyanama b'abagore bangana nibura na mirongo itatu ku ijana (30%) by'abagomba kuba bagize Inama Njyanama y'Akarere;
  - e) Umuhuzabikorwa w'Inama y'Ighugu y'abantu bafite ubumuga ku rwego rw'Akarere;
  - f) Perezida w'Abikorera.
2. Biro y'Inama Njyanama
3. Komite Nyobozi;

***Ingingo ya 47: Uburyo imyanya itorerwa ikurikirana***

Mu gutora inzego z'ubuyobozi ku rwego rw'Akarere, amatora yazo akurikirana kuri ubu buryo:

- a) Abajyanama rusange batorwa ku rwego rw'Imirenge igize Akarere;
- b) Abajyanama b'abagore bangana nibura na mirongo itatu ku ijana (30%) by'abagomba kuba bagize Inama Njyanama y'Akarere;
- c) Abajyanama batatu (3) bagize Biro y'Inama y'Ighugu y'Urubyiruko ku rwego rw'Akarere;
- d) Umuhuzabikorwa w'Inama y'Ighugu y'Abagore ku rwego rw'Akarere;
- e) Umuhuzabikorwa w'Inama y'Ighugu y'abantu bafite ubumuga ku rwego rw'Akarere;
- f) Perezida w'Abikorera.
- g) Abagize Biro y'Inama Njyanama;
- h) Abagize Komite Nyobozi.

**Ingingo ya 48: Inzego z'ubuyobozi zitorerwa ku rwego rw'Umujiyi wa Kigali**

Inzego z'ubuyobozi zitorerwa ku rwego rw'Umujiyi wa Kigali ni izi zikurikira:

1. Inama Njyanama igizwe n'ibyiciro bikurikira:
  - a) Abajyanama rusange batandatu (6) baturutse muri buri Karere ko mu Mujyi wa Kigali;
  - b) Abajyanama batatu (3) b'abagore batorwa muri mirongo itatu ku ijana (30%) by'abagore bagize Inama Njyanama ya buri Karere ko mu Mujyi wa Kigali;
  - c) Abajyanama batatu (3) bahagarariye Inama y'Igihugu y'Urubyiruko batorewe mu Turere two mu Mujyi wa Kigali, buri Karere gahagarariwe n'umwe (1);
  - d) Umuhuzabikorwa w'Inama y'Igihugu y'Abagore ku rwego rw'Umujiyi wa Kigali;
  - e) Umuhuzabikorwa w'Inama y'Igihugu y'abantu bafite ubumuga ku rwego rw'Umujiyi wa Kigali;
2. Biro y'Inama Njyanama;
3. Komite Nyobozi.

**Ingingo ya 49: Uburyo imyanya itorerwa ikurikirana**

Amatora y'inzego z'ubuyobozi ku rwego rw'Umujiyi wa Kigali akurikirana hakurikijwe urutonde rw'izo nzego nk'uko zikurikiranye mu ngingo ibanziriza iyi.

**ICYICIRO CYA II: AMATORA KU RWEGO RW'AKARERE N'UMUJYI WA KIGALI.**

**Akiciro ka mbere: Amatora ku rwego rw'Akarere**

**Ingingo ya 50: Itangwa rya kandidatire ku bifuza kujya mu Nama Njyanama y'Akarere**

Igihe cyo gutanga kandidatire ku myanya y'Ubujujanama rusange n'abakandida ku myanya y'Abajyanama bangana nibura na mirongo itatu ku ijana (30%) yagenewe abagore mu Karere bizatangira taliki ya 05 birangire ku ya 15 Mutarama 2016.

Kandidatire zakirwa mu minsi y'akazi kuva saa moya za mu gitondo (7:00 am) kugeza saa kumi n'imwe z'igicamunsi (5: 00 pm) hakurikijwe inyandiko yateganyijwe na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora.

Utanze kandidatire ahabwa icyemezo cy'iyakira.

**Ingingo ya 51: Urwego rushyikirizwa kandidatire n'icyemezo gihabwa uyitanze**

Gutanga kandidatire bikorerwa ku biro bya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora ku rwego rw'Akarere umukandida yiayamarizamo.

Utanze kandidatire ahabwa icyemezo cy'iyakira kigaragaza ibyangombwa yatanze. Guhabwa iki cyemezo ntibisobanuye ko kandidatire yemejwe.

Icyo cyemezo kigomba gushyirwaho umukono n'utanze kandidatire ndetse n'uyakiriye. Kigomba kandi gushyirwaho itariki n'isaha kandidatire yakiriweho. Imiterere y'icyo cyemezo cy'iyakira igaragara ku **mugerekwa 11 w'aya Mabwiriza**

### **Ingingo ya 52: Ibigomba kugaragara muri dosiye z'abakandida**

Dosiye y'umukandida igomba kugaragaza ibikurikira:

- 1) Amazina yose ahwanye n'ari ku ikarita ndangamuntu ye;
- 2) Umwirondoro ugaragaza ibikurikira:
  - a) aho yavukiye n'itariki y'amavuko
  - b) umwuga we;
  - c) aho atuye.
- 3) Icyemezo cye cy'amavuko gitangwa n'urwego rw'Ighugu rubifitiye ububasha;
- 4) Amafoto ye abiri (2) magufi y'amabara;
- 5) Fotokopi y'ikarita ndangamuntu ye;
- 6) Fotokopi y'ikarita ye y'itora;
- 7) Icyemezo cy'ubutabera kitarengeje amezi atandatu (6) gitanzwe n'urwego rubifitiye ububasha kigaragaza ko uwo muntu atigeze akatirwa cyangwa yakatiwe igihano cy'igifungo kitagejeje ku mezi atandatu (6)

### **Ingingo ya 53: Iyemezwa rya kandidatre**

Dosiye z'Abakandida rusange n'iz'Abagore zakiriwe ku rwego rw'Akarere zoherezwa ku cyicaro cya Komisiyo y'Ighugu y'Amatora ku rwego rw'Ighugu kugira ngo zisuzumwe mbere yo kwemeza abakandida bujuje ibyangombwa byo kwiyamamariza imyanya y'ubujyanama.

Urutonde rw'abakandida bemejwe rumanikwa ahabugenewe ku rwego rw'Ighugu, urw'Akarere n'urw'Umurenge hitawe ku Mirende baziyamamarizamo n'Akarere iherereyemo.

### **Ingingo ya 54: Ihagarikwa ry'akazi ku bakandida bari mu\_bu yobozi bw'Inzego z'Ibanze**

Abakandida bemejwe kandi batangajwe na Komisiyo y'Ighugu y'Amatora basanzwe bari mu buyobozi bw'Inzego z'Ibanze bahita bahagarika imirimo bari basanzwe bafite muri izo nzego.

### **Ingingo ya 55: Abakandida bemerewe kwiyamamaza**

Abakandida bemejwe kandi batangajwe na Komisiyo y'Ighugu y'Amatora nibo bonyine bemerewe kwiyamamaza.

### **Ingingo ya 56: Imenyekanisha rya gahunda yo kwiyamamaza**

Buri mukandida ategura gahunda ye yo kwiyamamaza akayimenyesha ubuyobozi bw'Umurenge mu nyandiko hasigaye nibura amasaha mirongo ine n'umunani (48) kugira ngo yiyamamaze.

Ishami rya Komisiyo y'Ighugu y'Amatora ku rwego rw'Akarere rigenerwa kopi kugira ngo rishobore gukurikirana ukwyamamaza kw'Abakandida.

Ubuyobozi bw'Umurenge bugomba kumenyesha umukandida mu nyandiko igihe iyo gahunda yo kwiyamamaza kwe idashoboka kandi hashingiwe ku biteganywa n'amategeko nibura amasaha makumyabiri n'ane (24) mbere y'isaha yateganyirije kwiyamamaza. Iyo Ubuyobozi bw'Umurenge budashubije muri ayo masaha, umukandida abifata nk'aho gahunda ye yemejwe.

**Ingingo ya 57: Igihe n'amasaha yo kwiyamamaza**

Abakandida biyamamaza kuva saa kumi n'ebiyiri za mu gitondo (06:00 am) kugeza saa kumi n'ebiyiri (6:00 p.m) za nimugoroba. Kwiyamamazabihagarara hasigaye nibura amasaha makumyabiri n'ane (24) ngo amatora ritangire.

Nk'uko gahunda y'amatora ibiteganya, kwiyamamaza bizatangira ku rwego rw'Umurenge mu matora y'abajyanama rusange n'abakandida b'abagore ku wa **04/02/2016 birangire taliki ya 21/02/2016** saa kumi n'ebiyiri (6:00 am) za mugitondo.

**Ingingo ya 58: Ikoreshwa ry'amafoto, ikoranabuhanga n'inyandiko.**

Mu matora y'Inzego z'Ibanze, kwiyamamaza hakoreshejwe amafoto, ikoranabuhanga n'inyandiko byemewe gusa mu matora y'Abagize Inama Njyanama y'Akarere cyangwa y'Umujiyi wa Kigali. Amafoto n'inyandiko bimanikwa ahagenwe n'ubuyobozi bw'Umurenge umukandida iyamamarizamo.

**Ingingo ya 59: Kwiyamamaza hakoreshejwe ikoranabuhanga.**

Imbuga nkoranyambaga zemewe n'amategeko harimo Facebook, Twitter, Website, SMS, WhatsApp n'izindi zemewe gukoreshwa mu gikorwa cyo kwiyamamaza hubahirizwa amategeko n'amabwiriza ya Komisiyo y'Ighugu y'Amatora.

Birabujije gukoresha Imbunga nkoranyambaga za Leta n'iz'ibindi bigo bigamije inyungu rusange mu gikorwa cyo kwiyamamaza.

**Ingingo ya 60: Kuményesha kouwiyamamaza azakoresha ikoranabuhanga**

Umukandida wifuza kwiyamamaza akoresheje ikoranabuhanga abimenyesha mu nyandiko Komisiyo y'Ighugu y'Amatora ku rwego rw'Akarere aziyamarizamo, hasigaye nibura amasaha mirongo ine n'umunani (48) ngo atangire kwiyamamaza.

Muri iyo nyandiko, ushaka kwiyamamazan agaragaza uburyo bw'ikoranabuhanga azakoresha mu kwiyamamaza.

Mu gihe ateganya ko hari abazamwamamaza, agomba gushyikiriza Komisiyo y'Ighugu y'Amatora, urutonde ruriho amazina, telefoni, nimero y'ikarita ndangamuntu rw'abo yifuza ko bamwamamaza naho bakiririra cyangwa boherereza ubutumwa bwabo "email address" hakoreshejwe ikoranabuhanga.

Ntawemerewe kwamamaza umukandida uwo ariwe wese atari ku rutonde umukandida we ubwe yashyikirije Komisiyo y'Ighugu y'Amatora. Imiterere y'inyandiko igaragaza uburyo umukandida azakoresha n'urutonde rw'abazamwamamaza igaragara **ku mugerekwa wa 12 w'aya Mabwiriza**.

Abemerewe kwamamaza umukandida babigaragaza mu nyandiko iriho amazina n'umukono ishyikirizwa Komisiyo y'Ighugu y'Amatora n'umukandida ubwe.

**Ingingo ya 61: Iyemezwa ry'ubutumwa, amafoto n'ibindi byifashishwa mu kwiyamamaza hakoreshejwe ikoranabunga.**

Umukandida wifuza kwiyamamaza akoresheje ikorabuhanga ashyikiriza mu nyandiko Komisiyo y'Ighugu y'Amatora ubutumwa bwose, amafoto n'ibindi byose ateganya kuzifashisha mu gikorwa cyo kwiyamamaza hasigaye nibura amasaha mirongo ine n'umunani (48) ngo atangire kwiyamamaza.

Nyuma yo gusuzuma ubwo butumwa n'amafoto, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora irabyemeza cyangwa igasaba ko bihinduka. Iyo isanze ubwo butumwa bugomba guhinduka igaragariza umukandida impamvu mu nyandiko.

**Ingingo ya 62: Kwimenyekanisha igihe wohereje ubutumwa bwamamaza**

Uwiyamamaza cyangwa uwamamaza umukandida akoresheje ikoranabuhanga, agomba buri gihe kwimenyekanisha mu mazina ye bwite ku buryo ubonye ubutumwa bwoherejwe ahita amenya ubwohereje uwo ariwe.

**Ingingo ya 63: Ibibujijwe mu kwiyamamaza hakoreshejwe ikoranabuhanga.**

Ibibujijwe mu gikorwa cyo kwiyamamaza biteganyijwe mu ngingo ya 14 y'aya Mabwiriza binabujijwe kandi no mu gikorwa cyo kwiyamamaza hakoreshejwe ikoranabuhanga.

By'umwihariko, birabujijwe gukoresha amazina y'undi muntu igihe hoherezwa ubutumwa hagamijwe kwiyoberanya.

**Ingingo 64: Uryozwa ibyaha bikorwa mu kwiyamamaza hakoreshejwe ikoranabuhanga**

Bitabangamiye ibiteganywa mu gitabo cy'amategeko ahana n'andi mategeko, umukandida cyangwa abamwamamaza baryozwa ibyaha bakoze mu gikorwa cyo kwiyamamaza hakoreshejwe ikoranabuhanga.

**Ingingo ya 65: Gukurikirana ibikorwa byo kwiyamamaza hakoreshejwe ikoranabuhanga**

Igihe cyose bibaye ngombwa, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora ishobora kwiyambaza izindi nzego zibifite mu nshingano zazo kugira ngo ishobore gukurikirana imigendekere y'igikorwa cyo kwiyamamaza hakoreshejwe ikoranabuhanga.

**Ingingo ya 66: Guhagararirwa k'umukandida mu cyumba cy'amatora**

Kugira ngo buri mukandida ashobore guhagararirwa mu cyumba cy'amatora, asabwa koherereza ishami rya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora mu Karere urutonde rw'amazina y'abazamuhagararira mu byumba by'amatora cyangwa ku biro by'amatora nibura amasaha mirongo irindwi n'abiri (72) mbere y'umunsi w'amatora, yashyizeho umukono we kandi ntarenze umuntu umwe (1) umuhagararira muri buri cyumba cy'amatora.

Icyakora, Umukandida ashobora guhagararirwa n'umuntu umwe gusa ku rwego rw'ibiro by'amatora. Icyo gihe uhagarariye umukandida afite uburenganzira bwo kugera mu byumba by'amatora bigize ibyo biro by'amatora.

Asabwe kandi guha abamuhagararira ku munsi w'amatora icyemezo kiriho umukono we w'umwimerere kigaragaza ko yabahaye ububasha bwo kumuhabgararira. Icyo cyemezo kigaragaza amazina, nomero y'ikarita ndangamuntu, na numero y'ikarita y'itora by'abamuhagararira.

Abahagarariye abakandida bagomba kwitwaza ibyangombwa byavuzwe mu gika kibanziriza iki.

**Ingingo ya 67: Gutangira no gusoza itora ry'Umujyanama rusange n'iry'umukandida w'umugore**

Muri buri Murenge hatorwa ku buryo butaziguye kandi mu ibanga Umujyanama rusange umwe (1).

Hatorwa kandi muri ubwo buryo umukandida w'umugore umwe (1).

Itora rigitangira umuhuzabikorwa n'abaseseri buzuza inyandikomvugo itangiza itora mu cyumba cy'itora hakurikijwe **umugereka wa 13 w'aya Mabwiriza**.

Iyo bamaze gutorwa hakorwa inyadikomvugo z'ibarura ry'amajwi hakurikijwe **umugereka wa 14 w'aya Mabwiriza**, hanyuma hagakorwa inyandikomvugo y'ihuzwa ry'amajwi hakurikijwe imiterere y'umugereka **wa 15 na 16 w'aya Mabwiriza**.

#### **Ingingo ya 68: Itangwa ry'impapuro z'amatora**

Umuseseri ushinzwe ilisiti y'itora amaze kugenzura ko ibyangombwa by'uje gutora byuzuye kandi bihuje n'ibyanditse ku ilisiti y'itora, avivura ku ilisiti y'itora bigaragaza ko yemerewe gutora.

Umuseseri ubishinzwe amuha impapuro ebyiri (2) z'itora zizinze nk'uko bisobanurwa mu ngingo ya 72 z'aya Mabwiriza

1. Rumwe ruriho amafoto y'abakandida rusange;
2. Urundi ruriho amafoto y'abakandida b'abagore.

Umuseseri ushinzwe lisiti y'itora ashobora kwemerera gutora abatari ku ilisiti y'itora hakurikijwe amabwiriza ya Komisiyo y'Ighugu y'Amatora akuzuza inyandiko yabigenewe igaragara **ku mugereka wa 17 w'aya Mabwiriza**.

#### **Ingingo ya 69: Uburyo bwo gutora**

Umaze guhabwa urupapuro rw'amatora, ajya mu bwiugiko kugira ngo ahitemo umuntu umwe (1) gusa kuri buri rupapuro rw'amatora yahawé.

Mu guhitamo, utora avivura cyangwa agatera igikumwe kiriho wino mu kazu kabugenewe imbere y'ifoto y'umukandida yahisemo.

Iyo afite ubumuga butuma adashobora kwitorera yemerewe kwihitiramo umuntu ufile nibura imyaka cumi n'ine (14) ariko utaragera ku myaka yo gutora kugira ngo amufashe gutora.

#### **Ingingo ya 70: Ibara ry'urupapuro rw'amatora**

Urupapuro rw'amatora rukoreshwa mu matora y'Abajyanama rusange ruba ari umweru n'aho urutorerwaho Abajyanama b'abagore ruba ari umuhondo.

#### **Ingingo ya 71: Uko abakandida bakurikirana ku rupapuro rw'amatora**

Abakandida bakurikirana ku rupapuro rw'amatora hakurikijwe uko kandidatire zakiriwe n'umukozi wa Komisiyo y'Ighugu y'Amatora ku rwego rw'Akarere

#### **Ingingo ya 72: Uburyo bwo kuzinga urupapuro rw'amatora**

Akiri mu bwiugiko, umaze gutora azinga buri rupapuro rw'amatora yatoreyeho inshuro ebyiri: rimwe mu buhagarike, ubw'akabiri mu butambike, mbere yo kuzishyira mu gasanduku k'amatora.

#### **Ingingo ya 73: Ibimenyetso bigaragaza uwatoye**

Iyo umuntu amaze gutora no gushyira mu gasanduku k'amatora impapuro yatoreyeho, atanga ikarita ye y'amatora ku museseri ubishinzwe agatera kashe ``YATOYE`` ku mwanya wabugenewe, akanamushyira wino idasibangana ku rwara rw'urutoki rw'agahera.

#### **Ingingo ya 74: Amatora y'abagore 30% by'abagize Inama Njyanama y'Akarere**

Abagore batsindiye kuba abakandida ku myanya yagenewe abagore mu Nama Njyanama y'Akarere bahurira ku rwego rw'Akarere kugira ngo batorwemo n'inteko itora umubare wa ngombwa mu buryo bukurikira:

Urugero rw'uburyo umubare w'Abajyanama b'Abagore uboneka hashingiwe ku biteganywa n'igika kibanziriza iki.

*Umubare w'Abajyanama b'abagore bagize 30% by'abagomba kugira Inama Njyanama y'Akarere uboneka mu buryo bukurikira:*

$X = \text{umubare w'abagomba kugira Inama Njyanama y'Akarere}$

$30\% X: \text{Umubare w'Abajyanama b'abagore bagize 30\% by'abagomba kugira Inama Njyanama y'Akarere}$

$A = \text{umubare w'Imirenge igize Akarere}$

$B = \text{umubare w'Abajyanama b'ibyiciro byihariye.}$

$$X = A + B + \frac{30}{100}X$$

$$X - 30\% X = A + B$$

$$X - \frac{3}{10}X = A + B$$

$$(10X - 3X)/10 = A + B$$

$$7X/10 = A + B$$

$$7X = 10(A + B)$$

$$X = 10(A + B)/7$$

$$X = (10A + 10B)/7$$

#### **Ingingo ya 75: Umubare wa ngombwa kugirango amatora atangire**

Kugirango Inteko itora abajyanama b'abagore itore, hagomba kuba hari nibura kimwe cya kabiri (1/2) cy'abagize iyo nteko.

#### **Ingingo ya 76: Uburyo amatora akorwa**

Amatora y'abagore bangana na 30% by'abagize Inama Njyanama y'Akarere rikorwa mu buryo buziguye kandi mu ibanga.

Buri muntu mu bagize Inteko itora yandika ku rupapuro rw'amatora rwabugenewe amazina y'abagore batarenze umubare wa ngombwa w'abagomba kuba mu bagize Inama Njyanama y'Akarere kabo.

Iyo ku rupapuro rw'amatora handitseho amazina arenga umubare wa ngombwa cyangwa rwanditseho ibindi bidateganwa n'amabwiriza agenga amatora , urwo rupapuro ruba impfabusa.

Iyo bamaze gutorwa hakorwa inyadikomvugo y'ibarura ry'amajwi hakurikijwe **umugereka wa 18 w'aya** Mabwiriza.

#### **Ingingo ya 77: Amatora y'Uhagarariye ibyiciro byihariye mu Nama Njyanama y'Akarere**

Umuhuzabikorwa w'Inama y'Ighugu y'Abagore ku rwego rw'Akarere, abagize Biro y'Inama y'Ighugu y'Urubyiruko ku rwego rw'Akarere , Umuhuzabikorwa w'Inama y'Ighugu y'abantu bafite ubumuga na Perezida w'Abikorera ku rwego rw'Akarere ni bo bahagararira ibyo byiciro mu Nama Njyanama y'Akarere. Batorwa hakurikije amategeko n'amabwiriza yihariye abigenga.

Abayoboye amatora mu nzego zihariye, bashyikiriza Komisiyo y'Ighugu y'Amatora ku rwego rw'Akarere inyandikomvugo hakurikijwe imiterere **y'umugereka wa 19 n'uwa 20 w'aya Mabwiriza.**

**Ingingo ya 78: Gutandukanya abakandida bitiranwa amazina**

Iyo mu kwimenyekanisha hari abakandida b'abagore bitiranwa amazina yose, buri wese yongeraho ikimenyetso kimutandukanya n'undi mukandida.

Utor a agomba kwandika amazina yabo yose yatanzwe kugira ngo habeho gutandukanya amajwi yahawe buri mukandida. Bitaba ibyo, urupapuro rwatoreweho rukaba impfabusa.

**Ingingo ya 79: Abakandida baba batsinze amatora**

Abakandida bangana n'umubare wa ngombwa barushije abandi amajwi nibo baba batsindiye kujya mu myanya yagenewe abagore mu Nama Njyanama y'Akarere.

Iyo hari abanganyije amajwi ku buryo umubare wa ngombwa urenga, amatora asubirwamo hagati y'abanganyije amajwi. Iyo bongeye kunganya, hakorwa tombola hagati y'abanganyije amajwi kugira ngo hasigare umubare ukenewe hubahiriwza ibiteganywa n'ingingo ya 16 y'aya Mabwiriza.

**Ingingo ya 80: Itora y'Abagize Biro y'Inama Njyanama y'Akarere**

Abagize Biro y'Inama Njyanama y'Akarere batorwa n'Abagize Inama Njyanama y'Akarere.

Itora ribera ahagenwe na Komisiyo y'Ighugu y'Amatora.

Gutanga kandidatire no kwiyamamaza bikorwa ku umunsi w'itora imbere y'Abagize Njyanama y'Akarere bamaze kurahira.

Itora rikorwa mu buryo buziguye kandi mu ibanga. Utor a yandika amazina y'umukandida yihitiyemo ku rupapuro rugenwa na Komisiyo y'Ighugu y'Amatora. Mu gutoresha, abagize Inama Njyanama babanza gutorera umwanya wa Perezida, bagakurikizaho umwanya wa Visi Perezida, hagaheruka uw'Umunyamabanga.

Buri mwanya utorerwa ukwawo, utsindiwe uwo mwanya ashobora kwiyamariza undi mwanya ukurikiraho.

Muri aya matora, umukandida warushije abandi niwe uba watowe. Icyakora iyo hari abanganyije amajwi, amatora asubirwamo hakurikijwe ibiteganywa n'ingingo ya 16 y'aya Mabwiriza.

Itora rikorwa nyuma yo kurahizwa kw'Abagize Inama Njyanama batowe. Uwo muhango wo kubarahiza uyoborwa na Guverineri w'Intara bireba cyangwa uwo yabihereye ububasha bigakorerwa imbere y'abaturage. Indahiro yakirwa n'Urukiko Rwisumbuye rukorera muri ako Karere.

Ku byerekeye Akarere k'Umujiyi wa Kigali, Minisitiri ufite ubutegetsi bw'Ighugu mu nshingano ze cyangwa intumwa ye niwe uyobora uwo muhango bigakorerwa imbere y'Abaturage. Indahiro ikakirwa n'Urukiko Rwisumbuye.

Iyo bamaze gutorwa hakorwa inyadikomvugo y'ibarura ry'amajwi hakurikijwe **umugereka wa 21 w'aya Mabwiriza.**

### **Ingingo ya 81: Itora ry'abagize Komite Nyobozi y'Akarere**

Mu gutoresha Komite Nyobozi y'Akarere, abakandida bava mu bagize Inama Njyanama y'Akarere nyuma yo kurahira.

Itora ribera ahagenwe na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora.

Gutanga kandidatire no kwiyamamaza bikorwa ku umunsi w'itora imbere y'Abagize Inama Njyanama y'Akarere bamaze kurahira.

Itora rikorwa mu buryo buziguye kandi mu ibanga utora yandika amazina y'umukandida yihiyiemo ku rupapuro rwagenwe na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora.

Habanza gutorerwa umwanya w'Umuyobozi w'Akarere, hagakurikizaho umwanya w'Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe imari, ubukungu n'amajyambere, hagaheruka Umuyobozi Wungirije ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage.

Buri mwanya utorerwa ukwawo, utsindiwe uwo mwanya ashobora kwiyamariza undi mwanya ukurikira.

Muri aya matora, umukandida warushije abandi niwe uba watowe. Icyakora iyo hari abanganyije amajwi, amatora risubirwamo hakurikijwe ibiteganywa n'ingingo ya 16 y'aya Mabwiriza.

Mu gihe kitarenze iminsi itatu (3), abagize Komite Nyobozi batowe barahira mu ruhame imbere y'Inama Njyanama n'abaturage. Urukiko Rwisumbuye rubifitiye ububasha rwakira indahiro iteganyijwe nk'uko igaragara ku mugereka wa 3 w'aya Mabwiriza.

Uwarahiye wese ashyira umukono ku nyandiko y'indahiro yabigenewe.

Iyo bamaze gutorwa hakorwa inyadikomvugo y'ibarura ry'amajwi hakurikijwe **umugereka wa 22 w'aya Mabwiriza.**

### **Akiciro ka II: Amatora ku rwego rw'Umujiyi wa Kigali**

#### **Ingingo ya 82: Itora ry'Abajyanama rusange b'Akarere boherezwa mu Nama Njyanama y'Umujiyi wa Kigali**

Abajyanama rusange batorewe kujya mu Nama Njyanama ya buri Karere ko mu Mujiyi wa Kigali bitoramo abajyanama rusange batandatu (6) boherezwa mu Nama Njyanama y'Umujiyi wa Kigali.

Itora riba mu ibanga, buri muntu utora yandika amazina y'Abajyanama rusange batarenze batandatu (6) boherezwa mu Nama Njyanama y'Umujiyi wa Kigali.

Batandatu barushije abandi amajwi muri buri Karere nibo baba batorewe kujya mu bagize Inama Njyanama y'Umujiyi wa Kigali.

Iyo hari abanganyije amajwi ku buryo barenga batandatu, itora risubirwabo kuri abo banyanyije amajwi. Iyo bongeye kungana hakoreshwa tombola hagati y'abanganyije kugira ngo haboneke umubare wa ngombwa hubahirizwa ibiteganywa n'ingingo ya 16 y'aya Mabwiriza.

**Ingingo ya 83: Itora ry'Abajyanama b'abagore mu Nama Njyanama y'Umujiyi wa Kigali**

Muri buri Karere ko mu Mujyi wa Kigali, abagore batowe mu rwego rwa 30% bamatoramo batatu (3) bajya mu Nama Njyanama y'Umujiyi wa Kigali.

Amatora rikorwa mu ibanga, buri muntu utora yandika amazina y'abajyanama b'abagore batarenze batatu boherezwa mu Nama Njyanama y'Umujiyi wa Kigali.

Batatu barushije abandi amajwi muri buri Karere nibo baba batorewe kujya mu bagize Inama Njyanama y'Umujiyi wa Kigali.

Iyo hari abanganyije amajwi ku buryo barenga batatu (3), itora risubirwabo kuri abo banyanyije amajwi. Iyo bongeye kunganya hakoreshwa tombola hagati y'abanganyije kugira ngo haboneke umubare wa ngombwa hubahirizwa ibiteganywa n'ingingo ya 16 y'aya Mabwiriza.

**Ingingo ya 84: Itora ry'Abajyanama b'ibyiciro byihariye bajya mu Nama Njyanama y'Umujiyi wa Kigali**

Umuhuzabikorwa w'Inama y'Ighugu y'Abagore ku rwego rw'Umujiyi wa Kigali, Abajyanama batatu (3) b'Urubyiruko baturuka buri umwe muri buri Karere ko mu Mujyi wa Kigali, Umuhuzabikorwa w'Inama y'Ighugu y'abantu bafite ubumuga ku rwego rw'Umujiyi wa Kigali, batorwa hakurikijwe amategeko n'amabwiriza yihariye agenga ibyo byiciro.

**Ingingo ya 85: Itora ry'abagize Komite Nyobozi y'Umujiyi wa Kigali**

Mu gutora Komite Nyobozi y'Umujiyi wa Kigali, abakandida bava mu bagize Inama Njyanama y'Umujiyi wa Kigali nyuma yo kurahira.

Umuhango wo kurahiza abagize Inama Njyanama y'Umujiyi wa Kigali uyoborwa na Minisitiri ufite ubutegetsi bw'Ighugu mu nshingano ze. Iyo Minisitiri ufite ubutegetsi bw'Ighugu mu nshingano ze atabonetse, Minisitiri w'Intebe agena undi mu bagize Guverinoma wo kumusimbura.

Abajyanama batowe ku rwego rw'Umujiyi wa Kigali barahira mu ruhame imbere y'abaturage, indahiro yabo ikakirwa n'Urukiko Rukuru.

Itora ribera ahagenwe na Komisiyo y'Ighugu y'Amatora.

Gutanga kandidatire no kwiyamamaza bikorwa ku munsi w'itora imbere y'abagize Inteko itora. Itora rikorwa mu buryo buziguye kandi mu ibanga utora yandika amazina y'umukandida yihitiyemo ku rupapuro rwagenwe na Komisiyo y'Ighugu y'Amatora.

Mu gutora, abagize Inteko itora babanza gutorera umwanya w'Umuyobozi w'Umujiyi wa Kigali, bagakurikizaho umwanya w'Umuyobozi w'Umujiyi wa Kigali wungirije ushinzwe imari, ubukungu n'amajyambere hagaheruka Umuyobozi w'Umujiyi wa Kigali wungirije ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage.

Buri mwanya utorwa ukwawo, utsindiwe uwo mwanya ashobora kwiyamariza undi mwanya ukurikiraho.

Muri aya matora, umukandida warushije abandi niwe uba yatowe. Icyakora iyo hari abanganyije amajwi, amatora risubirwamo hakurikijwe ibiteganywa n'ingingo ya 16 y'aya Mabwiriza.

Iyo bamaze gutorwa hakorwa inyadikomvugo isoza amatora hakurikijwe **umugereka wa 23 w'aya Mabwiriza.**

### **Akiciro ka III: ISIMBURA MU TURERE RY'ABAJYANAMA BAGIYE MU NAMA NJYANAMA Y'UMUJYI WA KIGALI**

#### ***Ingingo ya 86: Isimburwa ry'abajyanama boherejwe mu Nama Njyanama y'Umujyi wa Kigali***

Muri buri Karere ko mu Mujiyi wa Kigali hasimburwa abajyanama rusange batandatu (6).

Buri Mujyanama rusange watorewe kujya mu Nama Njyanama y'Umujyi wa Kigali asimburwa n'uwamukurikiye mu majwi wabonye nibura kimwe cya kabiri (1/2) cy'amajwi y'uwo asimbura mu matora ataziguye yabereye mu Murenge batorewemo.

Iyo nta musimbura uhari, itora ryo kuzuza Inama Njyanama rikorwa mu gihe kitarenze iminsi mirongo cyenda (90).

#### ***Ingingo ya 87: Isimburwa mu Turere ry'Abajyanama b'Abagore boherejwe n'Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali***

Abajyanama b'abagore batatu (3) boherejwe mu rwego rwa 30% mu Nama Njyanama y'Umujyi wa Kigali, basimburwa mu Turere twabo hakoreshejwe irindi tora.

Abasimbura batorwa mu bakandida b'abagore basigaye ku rwego rw'Imirenge.

#### ***Ingingo ya 88: Ihagararirwa ry'umukandida mu cyumba cy'amatora***

Buri mukandida yemerewe guhagararirwa mu cyumba cy'amatora n'umuntu umwe (1) gusa kandi agomba kuba afite icyemezo yahawe n'uwo ahagarariye nk'uko biteganyijwe mu ngingo ya 66 y'aya Mabwiriza.

## **INTERURO YA III : INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA**

#### ***Ingingo ya 89: Imenyekanisha ry'ibikorwa bishobora kubangamira amatora***

Iyo Umuhuzabikorwa w'imirimo y'amatora abonye ibikorwa bishobora kubangamira amatora, yihutira kubimenyesha umukuriye ku rwego rw'imirimo n'inzego z'umutekano zimuri hafi. Ibyo byaha bigaragazwa mu nyandikomvugo igaragara **ku mugereka wa 24 w'aya Mabwiriza.**

Ibyemezo byafashwe n'ishami rya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora bikorerwa inyandikomvugo hakurikijwe **umugereka wa 25 w'aya Mabwiriza.**

#### ***Ingingo ya 90: Imenyekanisha ry'ibyaha bijyanye no kwica amatora***

